Victoire Ingabire Umuhoza
Gereza Nkuru ya
<u>Kigali</u>

Kigali, le 6/11/2011

07/11/2011

Binyujijwe : Ubuyobozi bwa gereza
ya Kigali

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru
w'igihugu cyacu
<u>Kigali</u>

Impamvu : Gutanga ubusobanuro
Gusaba imbabazi
Gusaba gufungurwa

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru
w'igihugu cyacu,

Muri iyi minsi ndi m'urukiko, namenyeshejwe ko nshinjwa ko imvugo zanjye n'inyandiko nasohoye mbere y'uko mfungwa zari zigamije guteranya Abanyarwanda ngo basubiranemo, ndetse no kubangisha ubutegetsi.
Izi nyandiko natangaje, ahanini zabaga zishingiye ku makuru twahabwaga n'abaturage mu gihugu. Ari nacyo cyatumye mfata gahunda yo kugaruka mu gihugu kugirango mfatanye n'Abanyarwanda bose kubaka igihugu cyacu.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'igihugu cyacu, ari mwe ku giti cyanyu, ari n'Umunyarwanda uwariwe wese wankomerekejwe k'umutima, n'imvugo cyangwa inyandiko zanjye, mbisabiye imbabazi. Ntanarimwe nagize icyo ntangaza ngambiriye kugira uwo nambura icyubahiro cyangwa uburenganzira bwe.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'igihugu cyacu, ndashinjwa na none kuba naragize umugambi wo gushaka kugirira nabi Abayobozi b'igihugu cyanjye no guteza umutekano muke mu Rwatubyaye.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'igihugu cyacu nyuma y'imyaka 16 mu buhungiro natahutse mu mahoro, kuko nari niyemeje kuza gufatanya n'abandi Banyarwanda kubaka igihugu twese twibonamo, kuburyo ari abayobozi bariho ubu n'abazajyaho ejo bose babana mu gihugu mu bwubahane no mu mahoro.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'igihugu cyacu kuko ari mwe muhagarariye iyubahirizwa ry'amategeko y'igihugu cyacu, kandi nkaba nizeye ntashidikanya ko muri gahunda yanyu, harimo icyifuzo cy'uko buri Munyarwanda wese yagira uruhare mu guteza imbere igihugu cye, nifuje kubagezaho iyi nyandiko yo kubagaragariza ko nta mugambi mubisha nigeze ngira cyang nyamo yo kubagirira nabi hamwe n'abatura

Nkaba mbasaba, Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'igihugu cyacu, ko mu bushobozi bwanyu no mu bushishozi mufite, mwagena ko nafungurwa, ngasubirana uburenganzira busesuye, ngafatanya n'abandi Banyarwanda gukomeza guteza imbere igihugu cyacu.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'igihugu cyacu, igihe namaze mu magororero nitegereje isi n'Abanyarwanda, nabonye dufite byinshi cyane twageraho twese dufatanyije hamwe mu mirongo ya politiki inyuranye duturukamo. Dufite ubumwe nta kintu kiri kuri iyi si tutagiraho uruhare.

Urumuri rw'Ukuri rukomeze rubayobore

Madame Victoire Ingabire Umuhoza